

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME MU  
MUNSI WO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE  
UMWANA W'UMUNYAFURIKA N'UMUNSI WO KURWANYA IMIRIMO  
MIBI IKORESHA ABANA.**

**GAKENKE, 16 KAMENA 2018**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**

**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru,**

**Mayor w'Akarere ka Gakenke,**

**Bayobozi b'Ingabo na Polisi,**

**Bayobozi Bakuru mu nzego zitandukanye, z'Igihugu cyacu,**

**Esteemed Partners,**

**Babyeyi, Bana Bacu,**

**Mwaramutse Neza!**

Mbanje kubasuhuza, nshimira n'abatuye aka Karere ka Gakenke ko mwaje muri benshi muri ibi birori byo kwizihiza umunsi wahariwe umwana w'Umunyafurika wahujwe n'umunsi mpuzamahanga wo kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana.

Nkuko twabigejejweho n'abambanjirije, insanganyamatsiko z'uyu mwaka zirababwira kwitabira gahunda mbonezamikurire y'abana bato, tunabarinda imirimo mibi, ibi bikazadufasha gutegura ejo heza h'u Rwanda.

Mboneyeho umwanya wo gushimira Umurenge wa Nemba n'abawutuye, uruhare bagize mu kugeza serivisi z'urugo mbonezamikurire, ku bana n'ababyeyi batuye muri aka Kagali ka ***Rushashi***.

Mumfashe tubashimire.

Kwizihiza iyi minsi uko ari ibiri, ni igihe cyo kuzirikana tunafashanya gusobanukirwa icyo ivuze koko. Kuyizihiza neza bikwiye kujujyana no guharanira uburenganzira bw'umwana no kurwanya inzitizi zose zabangamira imikurire ye, ari nabyo bimufasha kuba umwana wizihawe kandi wagutse mu mitekerereze.

### **Bana Bacu,**

Tubabwira kenshi ko ari mwe mizero n' imbaraga z'igihugu n'ibindi bibibutsa ko muri ab'**Agaciro**, ndetse ko igihugu kibatezeho byinshi.

Uyu munsi nagira ngo nongere mbibasubiriremo kandi mbasabe ntimukabifate nk'amagambo meza abakuru bababwira gusa.

Bibabere impamba muzitwaza, ikabafasha kutugeza ku *Rwanda Twifuza*.

Ibi ndabivugira ko hari abana bahugira mu bibaranga aho kwita ku masomo yabo, no gushakisha ubundi bumenyi bubafitiye akamaro.

Imbaraga zose ababyeyi n'abarezi bashyira mu kwita ku burere bwanyu no kubashakira ubuzima bwiza, nta musaruro zatanga, mwebwe mutabigizemo uruhare.

Umusanzu wanyu, ni ukumvira, mukagisha inama ababyeyi n'abarezi banyu, mugakorana umwete haba mu ishuri no mu tundi turimo mufasha ababyeyi mu rugo.

### **Babyeyi, Barezi**

Kwizihiza umunsi w'umwana w'Umunyafurika tunasura urugo mbonezamukurire rwa Nemba, biratwereka akamaro ko gushyira hamwe mu kwita ku burere bw'ibanze bw'abana.

Nk'uko dukunze kubivuga, iyo umwana yitaweho mu myaka ibanza y'ubuzima bwe kuva agisamwa bimufasha gukura neza afite ubuzima bwiza, igikuriro kijyanye n'ikigero cye, kugira imibanire myiza n'abandi, ubumenyi buhagije bujyanye n'ikigero agezemo, kwiga neza no kumenya kugenzura amarangamutima ye bitewe n'ibihe arimo; bityo umwana akitegura neza kuzavamo umuntu mukuru uzagirira akamaro umuryango we n'Igihugu.

Ni ngombwa kandi ko umwana arindwa gukoreshwa imirimo mibi, kuko ishobora kumutera ihungabana, kubangamira uburenganzira bwo kwiga, gukina n'ibindi umwana akenera ngo akure neza.

Mu cyerecyezo cy'iterambere ryihuse, Igihugu cyacu cyihaye umuhigo wo guteza imbere gahunda mbonezamikurire y'abana bato. Turishimira ko hashyizweho urwego mpuzabikorwa rw'iyi gahunda.

Uyu muni turishimira kandi ko uru rwego rwabashije guhuriza hamwe abafatanyabikorwa bose bagira uruhare muri iyi gahunda.

Mumfashe tubashimire ko biyemeje gushyira hamwe, kugira ngo bunganire Leta mu **kweesa** uyu muhigo.

Dukwiye kuzirikana ko gahunda mbonezamikurire y'abana bato atari ukugira urugo rwo gusigamo abana gusa, ahubwo ni serivisi zikomatanijye bahabwa, ndetse bikagirwamo uruhare n'ababyeyi bombi – umugabo n'umugore.

Munyemerere ngire icyo mbwira abo turi kumwe batumva ururimi Ikinyarwanda.

## **Esteemed Partners,**

Allow me to take this time to extend my gratitude to you all gathered here, as well as those who could not be with us today.

We thank you for your unwavering support towards our country's journey to raising awareness about the importance of Early Childhood Development, and how to scale up its services throughout our entire nation.

The centres you have helped build, have become havens of holistic growth to thousands of Rwandan children, and have given them a chance to prepare for the world that they will one day, pioneer.

These centres also continue to serve as places that give the right knowledge, and tools to parents, caregivers, and local authorities, to deliver better, the different components needed by our children, to fully thrive.

We applaud the passion with which you continue to advocate for every child's right to access ECD integrated services, as we continue to work, together, towards our vision of having a nation of strong and dignified Rwandans.

## **Bafatanyabikorwa,**

Ndifuzza ko twubakira ku byaganiriweho mu nama ngarukamwaka nyunguranabitekerezo, yahuje Leta n'abafatanyabikorwa bagira uruhare muri gahunda mbonezamikurire y'abana bato yabaye muri iki cyumweru dusoje.

Dukwiye gukomeza gushyira hamwe mu gushakira umuti bimwe mu bibazo bikigaragara, kandi bikomeye duhora twibukiranya.

Bimwe muri ibyo bibazo ni:

- Ikibazo cy'igwingira ry'abana.
- Isuku nke haba ku mubiri w'abana n'aho imiryango ituye.
- Ubumenyi bukiri bucye ku kamaro ka gahunda mbonezamikurire y'abana bato.
- Ababyeyi bagira ubukererwe mu kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere.
- Abana bakoreshwa imirimo ivunanye n'ibindi bibazo bitandukanye, namwe mudasiba kwibonera.

Nagira ngo nsabe urwego mpuzabikorwa rwa gahunda mbonezamikurire y'abana bato, Minisiteri zifite mu nshingano imibereho myiza y'Abanyarwanda ndetse n'abandi bafatanyabikorwa, kongera gutekereza kuri ibyo bibazo no kubishakira umuti urambye.

Uburyo bwihuse bwo kubigeraho ni ukugena igihe runaka bikwiye kuba byakemutse, tunerekana uburyo bizakorwa duhereye ku gikorwa cya mbere cyihutirwa. Bimwe mu byo twaheraho ni ibi:

- Hakwiye gushyirwaho ihuriro ry'abafatanyabikorwa ku rwego rw'Akarere, bafite ibikorwa ibyo ari byo byose bifasha mu guteza imbere gahunda mbonezamikurire y'abana bato, kandi bagahabwa aho bakorera hazwi, bityo n'isuzumabikorwa rikoroha.
- Mu bikorwa by'ubukangurambaga bitandukanye, hakwiye gushyirwaho ubutumwa rusange bwumvikana kandi budatera ipfunwe ababyeyi, ku buryo buri mubyeyi asobanukirwa iby'iyi gahunda mu buryo bworoshye kandi ku rugero rumwe.

- Mu gihe hakorwa igenamigambi ry'Akarere n'izindi nzego ni ngombwa guteganyiriza gahunda mbonezamikurire y'Abana bato; kuko ari igishoro gikomeye “*Investment*”, ndetse inyungu zizavamo zizadufasha kubaka u Rwanda rufite ubukungu buhamye bishingiye ku bumenyi bw' abana barwo.

Nk'uko bigaragazwa n'inyigo yakozwe na Minisiteri y'Umurimo n'Abakozi ba Leta mu gihugu hose, kuva mu mwaka wa 2016, abana barenga ibihumbi umunani (**8,383**) bakuwe mu mirimo itandukanye basubizwa mu ishuri no mu miryango yabo.

Abakoresha barenga magana atatu mirongo icyenda (**396**) bakoreshaga abana mu mirimo mibi, abenshi muri bo bakoreshwaga imirimo ijyanye n'ubuhinzi.

Bayobozi, Bakoresha, Abikorera ku giti cyabo namwe Babyeyi, ndabasaba ko mwagira uruhare mu kurinda abana bacu imirimo irenze ikigero cyabo.

Twiyemeze ko buri wese agiye kuba ijisho rya mugenzi we, twe kugira uwo duhishira kubera inyungu runaka tumutezeho.

### **Batumirwa turi kumwe uyu muni,**

Mu Kinyarwanda, tugira umugani utwibutsa ko nta terambere twageraho mu gihe tutitaye ko mibereho myiza y'umwana: “***Utazi umukungu yima umwana***”.

Nk'ababyeyi gushakira abana uburyo bwo kwiga, no kubabonera amafunguro ntibihagije.

Tugomba kubaha umwanya wo kuganira nabo, kubatoza kuyobora ibitekerezo byabo neza, guhora bashakisha igishya mu guteza imbere umuryango, hakoreshejwe ikoranabuhanga ndetse no gusangiza abandi ubumenyi bafite.

Ibi bizadufasha kubaka u Rwanda Twifuza na Afurika Twifuza!

Mu gusoza, munyemerere nshimire abatuye akarere ka Gakenke, ku bw'urugwiro batwakiranye n'abafatanyabikorwa batandukanye bakora ibishoboka ngo uburenganzira bw'umwana bwubahirizwe.

**Murakoze, Mugire Umunsi Mwiza!**